**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO W'ISOZA RY'ICYICIRO CYA CUMI NA GATANU CY'AMASOMO Y'IBANZE Y'ABAPOLISI (03/06/2019)

- **Insipegiteri Jenerali wa Polisi y'u Rwanda**
- **Bayobozi b'inzego zinyuranye muri hano**
- **Abapolisi bakuru,**
- **Abakozi b'izindi nzego, buri umwe uri hano mu cyubahiro cye**
- **Bapolisi musoje amahugurwa**

Mbanje kubasuhuza kandi mbashimira ko twaje gushyigikira uyu muhango.

Impamvu turi hano uko tungana, si ugushyigikira Polisi y' u Rwanda gusa; impamvu ikomeye ni ugushimangira isano dufitanye nayo. Akarasisi keza, imyambaro myiza, ibikoresho byiza, abasore n'inkumi beza twabonye imbere yacu byose bidukomokamo kandi bibaho ngo twese abaturage n'ibyacu tugire amahoro, umutekano n'umudendezo. Ibi iyo tubifite dukoresha umwanya wacu mu bikorwa byo kwiteza imbere no kwubaka igihugu.

Uyu muhango rero uragaragaza iyo sano ikomeye abanyarwanda n'abaturarwanda bafitanye na Polisi y'u Rwanda. Bityo rero kuba turi hano mu buryo bw'umwihariko kandi buremereye ni ukuba abahamya biyi sano ku munsi nk' uyu twinjiza abapolisi bashya muri Polisi y'u Rwanda.

Polisi y'u Rwanda ishinzwe umutekano w'abantu n'ibyabo, by'umwihariko gukumira no kurwanya ibikorwa byose byabangamira uwo mutekano. Muri uru rugamba, umupolisi wese agomba kumva ko iyi nshingano imureba akanamenya ko ishyirwa mu bikorwa ryayo risaba imikoranire inoze ihoraho hagati ya Polisi n'abaturage ndetse n'inzego zitandukanye.

Banyacyubahiro muri hano, umunsi nk'uyu uduha umwanya mwiza wo gusubiza amaso inyuma tukiyibutsa aho igihugu cyacu kivuye, aho kigeze n'aho kigana. Bavuga ko kwibagirwa amateka bituma asubirwamo. Hari igihe umutekano muke, ibyaha by'indegakamere, ivangura n'amackubiri byari uburyo bw'imikorere n'imiyoborere mu gihugu cyacu.

Uyu munsi, ubumwe, umutekano, amahoro n'iterambere igihugu gifite byaraharaniwe bigerwaho. Byagezweho bitangiwe ikiguzi gihenze, harimo no gutanga ubuzima bw'abantu.

Umunsi nk'uyu ni byiza kugaruka ku nshingano iremereye twese dufite yo kwitwararika aya mateka no kwirinda icyo aricyo cyose gishobora kudusubiza aho twavuye.

Tugomba rero buri umwe, kurangwa n'indangagaciro zishyira imbere inyungu rusange, gukunda no kwitangira igihugu, kubahiriza no kugendera ku mategeko, gukumira no kurwanya icyaduhungabanya cyose aho cyaturuka hose.

Umutekano mu gihugu wifashe neza kandi n'ibyaha biragenda bigabanuka ku buryo bugaragara. Ibi niko bigomba kumera, niko tugomba kubaho.

Gucunga umutekano ntibigarukira mu gihugu cyacu gusa kuko Polisi yacu yitabazwa n'Umuryango w'Abibumbye n'indi miryango nka Afurika Yunze Ubumwe mu kugarura umutekano mu bihugu by'amahanga bifite ibibazo by'umutekano. Ni muri urwo rwego Polisi y'Igihugu ifite umubare munini w'abapolisi mu bihugu bitandukanye nka Sudani, Sudani y'Amajyepfo, Repubulika y'Afurika yo hagati , Haiti n'ahandi.

Abapolisi bashya murasabwa umusanzu wo kongera ingufu muri ibyo bikorwa bihesha igihugu cyacu ishema.

Muri gahunda zitandukanye dufitiye Polisi y'u Rwanda, harimo kuzamura ubumenyi bw'abapolisi tubashakira amahugurwa atandukanye mu gihugu imbere ndetse no mu

mahanga, kubafasha kubona ibikoresho bigezweho bikenewe mu kazi kabo ka buri munsi kugirango Polisi ibashe gutanga serivisi zinogeye abanyarwanda, abanyamahanga barutuyemo ndetse n'abarusura.

Polisi y'u Rwanda igira uruhare rukomeye mu gushyira mu bikorwa gahunda za Leta nko gufatanya n'abaturage mu kwicungira umutekano, gukora umuganda rusange n'ibindi bikorwa bitandukanye bigamije iterambere ry'igihugu n'imibereho myiza y'abaturage.

Ni muri urwo rwego nsaba abapolisi b'u Rwanda kuba intangarugero mu kubahiriza amategeko, bashyigikira gahunda za Leta buri wese aho akorera, kugira ngo n'abaturage babigireho umuco mwiza wo gushyira mu bikorwa ibyo amategeko ateganya.

Bapolisi musoje amahugurwa uyu munsi, ndabashimira ubwitange n'umurava byabaranze mu gihe cyose aya mahugurwa amaze. Ubumenyi bw'ibanze mwahawe bwo gukumira no kurwanya ibyaha muzabukoreshe mu mirimo yanyu ya buri munsi aho muzakorana n'abandi bapolisi bababanjirije mu kazi, mwirinda icyo ari cyo cyose cyakwangiza isura ya Polisi y'u Rwanda. Ndabasaba kandi kuzaba inyangamugayo murangwa n'ishyaka mu kazi kanyu ka buri munsi.

Bayobozi mu nzego zitandukanye muri hano uyu munsi, aba bapolisi barangije aya mahugurwa ntabwo ubumenyi bakuye kw'ishuri buhagije bwonyine, ahubwo bazakenera n'ubufatanye butandukanye bw'inzego za Leta mubereye abayobozi, niyo mpamvu kwifatanya natwe gusoza aya mahugurwa bitugaragariza ubufatanye buzahoraho no mu gihe aba bapolisi bazaba bari mu mirimo.

Mbere y'uko nsoza iri jambo, ndashimira ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda budahwema guhugura abapolisi n'abandi banyarwanda bifuza kwinjira muri Polisi y'u Rwanda kugira ngo batange umusanzu wabo wo kurinda umutekano w'abaturarwanda n'ibyabo.

Ndashimira kandi ubuyobozi bw'ishuri, abarimu, namwe mwese mwitabiriye uyu muhango w'isoza ry'icyiciro cya cumi na gatanu cy'amahugurwa y'ibanze y'abapolisi, nsaba n'abapolisi basoje amahugurwa kuzahora baharanira ishema ry'u Rwanda aho bazaba bari hose nk'abanyarwanda.

Mugire umusi mwiza.